Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu ihuriro rya 7 ry'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri

Serena, Tariki ya 8 Ugushyingo 2014

Ba Nyakubahwa, Bayobozi bo mu nzego Nkuru z'Igihugu cyacu;

Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club *INTWARARUMURI*;

Batumirwa bacu bahire;

Mbanje kubaramutsa, mbifuriza amahoro y'Imana.

Twishimiye kubana namwe, muri iri huriro rya karindwi ry'Abanyamuryango ba Unity Club, rifite insanganyamatsiko igira, iti: "NDI UMUNYARWANDA: ICYOMORO N'IGIHANGO."

Munyemerere kandi mbashimire, kuba muhora mwitabira ubutumire bwacu. Ibi bitwereka ko turi ku ntambwe imwe, mu rugendo rwo gusohoza inshingano twiyemeje.

Impamvu nyamukuru tugarutse kuri Ndi Umunyarwanda, ni uko ari umurongo igihugu cyacu cyihaye, ugamije gufasha abanyarwanda kwimakaza ubunyarwanda, kumva isano bafitanye n'igihugu, ndetse no gushyira inyungu z'igihugu imbere, ariko cyane cyane ibi bikaba mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Tumaze umwaka turi mu rugendo rwa Ndi umunyarwanda. Twisuzumye, dushobora gusanga turi ku nzego zitandukanye mu kuyumva no kuyishyira mu bikorwa. Hari abumvise Ndi umunyarwanda bakumva ko idashoboka,

abo twabafata nk'abahakanyi, hari n'abandi bagerageza kuyumva, ariko bagishidikanya twavuga ko ari akazuyazi (bari hagati na hagati), abandi nabo ni abateye intambwe ku buryo ndi Umunyarwanda yabaye ubuzima bwabo bwa buri munsi ndetse bakayitoza n'abandi. Kugirango rero abateye intambwe, badasubira inyuma kandi abatari basobanukirwa nabo bayumve, ntabwo tugomba kuruhuka, ndi Umunyarwanda ni urugendo rugikomeza.

Dukunda kubivuga; amateka yacu yadusigiye ibikomere, ariko umuti wabyomora ni ukwiyumvamo ubunyarwanda, tukaniyemeza kutazongera gutatira iryo sano ukundi, maze Ndi Umunyarwanda ikatubera koko Icyomoro ndetse n'Igihango.

Mu mwiherero nk'uyu w'umwaka ushize, twafatanije kunoza inkingi zo gutangiza inzira ya Ndi Umunyarwanda, twasangiye ibiganiro, dusangira ibitekerezo mu matsinda, dusangira ubuhamya bwubaka Ndi Umunyarwanda, maze twubaka imfashanyigisho nk'uko twari twabifashe mu byemezo-ngiro.

Nka Unity Club, twakomeje kwifatanya n'izindi nzego, twiyemeza kugeza iyo gahunda nziza ku Banyarwanda no kubasobanurira intego, impamvu n'umusaruro mwiza w'inzira twahisemo. Bimpaye umwanya wo kubashimira ubwitange mwagaragaje muri iyi gahunda, mwitabiriye nk'abantu ku giti cyanyu, nk'ababyeyi, nk'abayobozi, maze uyu munsi, Ndi Umunyarwanda ikaba yarageze ku Banyarwanda b'ingeri zose, ababa mu Rwanda n'abari mu mahanga.

N'ubwo bitoroshye gupima ibyagiye bihinduka muri twe, mu miryango yacu ndetse no mu Banyarwanda muri rusange; n'ubwo Ndi Umunyarwanda ari urugendo buri wese akora uko abishoboye, kandi tukaba twemera ko

rugikomeza; hari byinshi iyo gahunda yagezeho. Bimwe muri byo turaza kubigaragarizwa mu biganiro byateguwe, nkaba nifuza ko twabyubakiraho mu mirimo y'iri huriro.

Mu gihe cy'umwaka tumaze muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ubushakashatsi bwagaragaje ko:

- Abanyarwanda bifuza ko gahunda ya Ndi Umunyarwanda, yakomeza kunozwa kurushaho,
- Abanyarwanda baradusaba kandi gukomeza Ndi Umunyarwanda kugira ngo ibere urukingo ababyiruka,
- Abato bacu, nabo barifuza ko twabafasha kwakira amateka, kugirango bazamenye neza n'uko birinda icyo ari cyo cyose cyasubiza inyuma ubumwe dusangiye.

Nshuti, Bavandimwe, Babyeyi kandi Ntwararumuri dusangiye u Rwanda, nagirango mbasabe tuzirikane ko dufite abo dushinzwe kuyobora no kwereka inzira nziza, mureke tube abahamya ba Ndi Umunyarwanda, mu migirire yacu ya buri munsi. Nkuko bavuga ngo Intore ni "nkore neza bandebereho".

Nkuko nabivuze kandi, Ndi Umunyarwanda ni urugendo, ntabwo twarufata nka gahunda gusa yo gutanga ubuhamya cyangwa gusaba no gutanga imbabazi. Ni ubuzima bwacu bwa buri munsi, uko dukora, uko twitwara ndetse n'uko tubanira abandi. Kubaka ubunyarwanda ni urugamba twahisemo, kandi ruzahoraho; ari na yo mpamvu dushimira abato ko batwemereye dufatanya muri iyo nzira.

Iyo dufashe umwanya, tugasesengura ishingiro ry'uru rugamba, dusanga nta yandi mahitamo twari dufite, kuko kwimakaza ubunyarwanda ni imwe mu ndangagaciro ishobora guha Abanyarwanda ijabo n'ijambo mu Rwanda ndetse no mu ruhando rw'amahanga.

Iyo turebye hirya no hino mu karere turimo ndetse no ku isi, dusanga ibihugu byashoboye kwiyubaka, byarabigezeho kubera guharanira inyungu rusange (common interest) kandi bishingiye ku ndangagaciro zabo.

Hari ibindi bihugu na nubu tureba bikigoye kwiyubaka. Twebwe mu gihugu cyacu, gifite n'umwihariko ko twagize Genocide, twakwishimira ko twivanyeyo tukabanisha abanyarwanda, tukisama kandi tukisana. Ibi ntaho twabitiye cyangwa twabisomye ni bwo budasa bw'abanyarwanda. Ariko kandi kugirango ibyo birambe birasaba gukomeza kwiyumvamo ko ikiduhuje ari ubunyarwanda n'indangagaciro zituranga.

Nk'abayobozi turi hano, twumve ko dusenyera umugozi umwe, nubwo inshingano zaba zitandukanye. Dufite inzego z'ubuyobozi, dufite urwengo nshingamategeko, dufite urwego rushinzwe kubahiriza itegeko ndetse n'ubucamanza. Dufite kandi n'abafatanyabikorwa aribo abikorera, imiryango itari iya leta, amadini, n'itangazamakuru. Izi nzego twese uko turi hano, buri wese agira aho yisanga ariko kandi abo dukorera ni bamwe; ni abanyarwanda.

Niyo mpamvu tugomba gushyira imbere gukorera hamwe no kuzuzanya. Buri wese afite ibyo ashinzwe kandi bifite umwihariko wabyo n'akamaro kabyo. Ntabwo twaharanira kurushanwa cyangwa gusenyana ngo wa muturage dukorera atere imbere ahubwo twasubiza inyuma ibyo bamwe

bamugejejeho. Tuzirikane ko u Rwanda dukorera ari rumwe kandi igicumbi cyacu ni ubunyarwanda.

Bayobozi bavandimwe, u Rwanda ruri mu isi igenda ihindagurika ari na ko bigira ingaruka ku mibereho n'imitekerereze y'abantu. Ni twe tugomba gufata iya mbere, ngo dufashe abo dushinzwe kumenya gutandukanya ibidufitiye akamaro, bitwubaka kandi biteza imbere igihugu.

Abanyarwanda twese tuzirikane igihango dufitanye n'igihugu cyacu. Ibi bizadufasha gukumira icyasubiza inyuma ibyiza twagezeho. Tuzi uburemere bwabyo, tuzi ikiguzi kitagira ingano cyabyo. Nituvuga Ndi Umunyarwanda, buri munyarwanda wese yiyumvemo kandi yibonemo, maze umutima we umwerekeze ku cyo agomba igihugu cye, aho kwihutira kureba icyo igihugu kimugomba, n'ubwo na byo tubifitiye uburenganzira.

Mu minsi ishize twafatanyije n'amahanga ndetse n'isi yose, kunamira inzirakarengane zambuwe ubuzima muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Na none uyu mwaka, twizihije imyaka makumyabiri y'Ukwibohora, twishimiye ko icyiza cyatsinze ikibi. Abanyarwanda bakaba barongeye gushyira hamwe bagasubirana intebe n'urubuga mu mahanga.

Ngo uwanga gutenguhwa atuma mukuru, reka mbasabe tuze gushyira hamwe mu biganiro, mu mirimo y'amatsinda n'aho turi bugende duhurira muri uyu mwiherero, maze turebere hamwe uko dukomeza kubaka umuryango Nyarwanda, twiyemeze tube ababyeyi batari gito, batazaraga abana babo ibyabananiye.

Dukomeze ubufatanye haba hagati y'abayobozi ubwacu, abari mu nshingano n'abazihozemo, kuko muri Unity Club twemera ko nta muyobozi ucyura igihe, haba no hagati yacu n'abaturage tuyobora, dukomeze guharanira gukwirakwiza gahunda yacu nziza ya Ndi Umunyarwanda itagira uwo iheza, itubere icyomoro ku bikomere byacu itubere n'igihango kuri twese.

Mbere yo gusoza, nagirango nshimire abaza kutuganiriza, baza kudufasha kuva hano dutahanye imyanzuro inoze, izafasha buri Munyarwanda kwiyubaka mu bwisanzure, ituze n'icyizere kandi mu bufatanye n'abandi Banyarwanda by'ukuri. Maze Ndi Umunyarwanda itubere inzira ibereye u Rwanda n'abarwo, uyu munsi n'ahazaza.

Umwiherero mwiza kuri twese.

MURAKOZE